REPUBULIKA Y'U RWANDA

NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA MUTARAMA 2023

10 Gashyantare 2023

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

## IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA MUTARAMA 2023

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Mutarama 2023. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 20,7% mu kwezi kwa Mutarama 2023 ugereranyije na Mutarama 2022. Ibiciro mu kwezi kw'Ukuboza 2022 byari byiyongereyeho 21,6%.

Mu kwezi kwa Mutarama 2023, ibiciro byiyongereye bitewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 41%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 8,3%, n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 12,6%.

Iyo ugereranyije Mutarama 2023 na Mutarama 2022, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byariyongereyeho 15,2%.

Iyo ugereranyije Mutarama 2023 n'Ukuboza 2022, usanga ibiciro byariyongereyeho 1,3%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 2,7%

### B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi kwa Mutarama 2023, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 38,8% ugereranyije na Mutarama 2022. Ibiciro mu kwezi kw'Ukuboza 2022 byari byiyongereyeho 39,2%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kwa Mutarama, ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 64,8% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 15%.

Iyo ugereranyije Mutarama 2023 n'Ukuboza 2022 ibiciro byiyongereyeho 2,6%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 4%.

## C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi kwa Mutarama 2023 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 31,1% ugereranyije na Mutarama 2022. Mu kwezi kw'Ukuboza 2022 ibiciro byari byiyongereyeho 31,7%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kwa Mutarama 2023, ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 57,3% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 12%.

Iyo ugereranyije Mutarama 2023 n'Ukuboza 2022 ibiciro byiyongereyeho 2,1%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 3,6%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Mutarama 2022 kugeza muri Mutarama 2023.**

| Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Mutarama 2022 kugeza muri Mutarama 2023 | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| *ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije* | | | | | | | | | | | | | |
| | **2022 01** | **02** | **03** | **04** | **05** | **06** | **07** | **08** | **09** | **10** | **11** | **12** | **2023 01** |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi | 4,3 | 5,8 | 7,5 | 9,9 | 12,6 | 13,7 | 15,6 | 15,9 | 17,6 | 20,1 | 21,7 | 21,6 | 20,7 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro | -0,8 | 3,1 | 4,3 | 11,0 | 16,4 | 17,9 | 22,5 | 23,6 | 28,5 | 39,2 | 42,9 | 39,2 | 38,8 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda | 1,3 | 4,2 | 5,6 | 10,5 | 14,8 | 16,1 | 19,6 | 20,4 | 23,9 | 31,0 | 33,8 | 31,7 | 31,1 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi | 2,1 | 1,8 | 3,1 | 2,4 | 1,9 | 0,8 | 1,7 | 0,5 | 2,1 | 2,7 | 0,8 | 0,0 | 1,3 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro | 2,9 | 4,5 | 2,6 | 4,7 | 2,3 | 1,5 | 3,5 | 1,6 | 3,8 | 7,6 | 1,5 | -2,5 | 2,6 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda | 2,5 | 3,3 | 2,8 | 3,7 | 2,1 | 1,2 | 2,7 | 1,1 | 3,1 | 5,6 | 1,3 | -1,5 | 2,1 |
| *Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda* | | | | | | | | | | | | | |

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103  Hot line: 4321

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Email: info@statistics.gov.rw